**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KUWA 17/04/2000 YAHUJE NYAKUBAHWA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO, ABAYOBOZI B'IMIRIMO, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA.**

Inama yatangiye i saa tatu n'iminota makumyabiri, iyoborwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

Ku murongo w'ibyigwa hariho :

- Gusoma no gukosora Inyandiko-mvugo y'Inama yo kuwa 03/04/2000 ;
- Kureba ibyakozwe mu cyumweru cy'icyunamo ;
- Gahunda y'icyumweru ;
- Ibintu n'ibindi.

## I. GUSOMA NO GUKOSORA INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KUWA 03/04/2000

Inyandiko-mvugo imaze gusomwa, abari mu nama basanze ibyanditswe ariko byavuzwe mu nama yaherukaga.

Mbere yo kureba uko ibyari biteganijwe mu cyumweru cy'icyunamo byakozwe, Nyakubahwa Minisitiri yabajije abo mu Buyobozi bw'Umuco uko gukusanya signatures ibihumbi ijana zerekeranye n'uyu mwaka witiriwe uw'Umuco w'Amahoro bikorwa naho bigeze. Bavuze ko hari inyandiko baha abantu bakazisoma, bakumva ibirimo babyemeye kandi babishyigikiye, bakashyiraho umukono wabo. Bikaba byariho bikorwa muri za Minisiteri (uhereye ku yacu) no mu mashuli, babifashijwemo na Minisiteri y'Uburezi. Hanyuma basabwa gutegura Mémo ibisobanura neza .

Nyakubahwa Minisitiri yabajije kandi Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko niba hari icyo urubyiruko rwakoze i Nyamirambo mu cyumweru cy'icyunamo. Yasobanuye ko inzego z'urubyiruko zabyitabiriye. Yasabwe gutanga raporo yuko byagenze.

Naho ku bijyanye no gukurikirana dosiye isaba inkunga ya FESPAD muri « Union Européenne », ababishinzwe bavuze ko batashoboye kubonana na Madamu MUREBWAYIRE Jeanne nk'uko bari babisabwe.

## II. IBYAKOZWE MU CYUMWERU CY'ICYUNAMO

### 1. IBIGANIRO BYA BURI MUGOROBA ( Kuva tariki ya mbere kugeza kuya 06/04/2000)

Ibiganiro byari biteganijwe byose byarabaye usibye ko mu minsi ya mbere havutse ibibazo kuko abari kubitanga batabimenyeshejwe hakiri kare.

### 2. IMURIKA

Nyakubahwa Minisitiri yavuze ko iryo murika ryari rikennye haba mu bikoresho byamuritswe, mu mafoto ndetse n'ibitabo.
Yanagaye kandi abo muri Commission Mémorial nabo mu Buyobozi bw'Umuco kuko ijambo (discours) yari kuvuga barimugejejeho kuwa kane tariki ya 06/04/2000 nimugoroba kandi bari barasabwe kurimugezaho kuwa kabiri tariki ya 04/04/2000.

### 3. GAHUNDA Y'UMUGOROBA WO KU WA KANE TARIKI YA 06/04/2000

Nk'uko byari biteganijwe, gutambagira byarabaye, bikurikirwa n'igitaramo cyitabiriwe n'amatorero yose yari yatumiwe ndetse n'abandi baturage benshi.
Icyavuzwe cyagayitse muri icyo gitaramo, n'ubuhamya bwatanzwe butarimo ubutumwa bushimishije. Naho ku kibazo cy'umuntu wishe wari waje gutanga ubuhamya ntahabwe umwanya, Nyakubahwa Minisitiri yavuze ko icyo abantu bacyeneye kumva cyane mu buhamya, ari ibintu byiza ubutanga yaba yarakoze, nk'abantu yaba yararokoye, ariko ko uwishe abantu, kugirango avugire mu ruhame rw'abantu, bigomba kuba byateguwe.

### 4. GAHUNDA YO KW'ITARIKI YA 07/04/2000

Nk'uko byari biteganijwe, imihango yabereye ku Gisozi, yitabirwa n'abantu benshi kandi igenda neza, usibye ko na none icyanenzwe mu nama ari abatanze ubuhamya batabikoze neza.
Naho ku bijyanye n'ibikorwa by'Urubyiruko kuri uwo munsi, Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko yavuze ko hari umuvugo wamagana amarorerwa yabaye mu Rwanda wavuzwe n'uhagarariye urubyiruko. Nyakubahwa Minisitiri yarabigaye, avuga ko aribo bagombaga kujya imbere bagakora koko ikintu kigarargara.

## 5. GAHUNDA Y'AMAPEREFEGITURA

Intumwa za Minisiteri zitabiriye iyo mihango mu maperefegitura nk'uko byari biteganijwe usibye ku Gisenyi kuko gahunda yasobanutse bitinze. Nyakubahwa Minisitiri na none yanenze abagiye bagafata ijambo mw'izina ry'Intumwa ya Leta. Asobanura ko bagiye ari intumwa za Minisiteri, batari intumwa za Leta.

## GAHUNDA Y'ICYUMWERU

### UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Gutegura ingando yo mu MUTARA ;
- Kurangiza « Modules » z'inyigisho zerekeye kurwanya ibiyobyabwenge;
- Gukora imbanzirizamushinga ya cellule ishinzwe gukurikirana ibyemejwe mu Nama Mpuzamahanga y'Urubyiruko ;
- Kohereza muri Ambassade ya Misiri ibishushanyo by'abana ku bijyanye n'uko babona icyo igihugu.

### UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Gutegura ibikorwa biteganijwe mu myaka itatu iri imbere.

Nyakubahwa Minisitiri yababwiye ko icyo atari igikorwa cyo kujya kuri gahunda y'icyumweru, kuko ibizakorwa mu myaka itatu bagombye kuba basanzwe babifite. Naho ibikorwa bijya kuri gahunda y'icyumweru, yibukije ko ari ibiri kuri gahunda batanze y'ukwezi.

### UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Kwihutisha dosiye zijyanye na FESPAD ;
- Gukomeza gukusanya signature ibihumbi ijana zijyanye n'uyu mwaka witiriwe uw'Umuco w'Amahoro ;
- Kujya mu Ruhengeri kureba inzu umushinga wa APEF uzakoreramo.

### INGORO Y'UMURAGE

- Kugirana inama n'ibigo birera abana b'impfubyi bafatanije na GTZ ;
- Kujya muri komini ya Kibayi kureba uko bafatanya gushyingura mu cyubahiro ;
- Kwandika ku byapa biranga Ingoro y'Umurage bigashyirwa mu maperefegitura yose.

**MEMORIAL DU GENOCIDE**

- Gukora « traitement » y'amagufa mu Bisesero;
- Kwandikira P.V.K bayisaba ahazubakwa « Jardin de la mémoire » (i Nyanza ya Kicukiro).

**UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**

- Gutanga ibikoresho mu bigo bahereye i Gakoni ;
- Gukurikirana imikorere muri CFJ ya Tyazo na Ndago.

**APPUI. A LA F.P**

- Kuvugurura inyigisho z'ububumbyi (céramique) mu bigo .

**KAVUMU**

- Kwakira abanyeshuri batsinze ;
- Kubonana n'umukuru wa P.A.M ;
- Gusura igaraji ya MINICOM.

**UBUYOBOZI BW'IMIRIMO RUSANGE**

- Gukurikirana ikibazo cy'abakozi bagomba gusezererwa ;
- Gutegura gushyira mu myanya mishya abazasigara.

**IBINTU N'IBINDI**

- Umunyamabanga Mukuru yasabye ababishinzwe kumenyesha hakiri kare amatorero azakina mu irahira rya Perezida wa Repubulika, asaba kandi abari mu nama kuzakangurira abaturage kuzitabira iyo mihango cyane cyane urubyiruko.
- Yasobanuye kandi iby'urugendo rwe mu Budage, avuga ko ku birebana na Minisiteri yacu bemeye kuzafasha mu gushyira mu bikorwa imyanzuro yafatiwe mu Nama mpuzamahanga y'Urubyiruko, anavuga ko hari Misiyo y'Abadage izaza kureba ibyo badufashamo ;
- Nyakubahwa Minisitiri yaboneyeho umwanya wo gusaba Cellule ishinzwe gukurikirana imyanzuro yafatiwe mu Nama mpuzamahanga y'Urubyiruko, gutegura neza ibyo bashaka bakazasanga bihari kandi bisobanutse ;

- Yanasabye kandi ko Inama Nkuru y'Urubyiruko nayo izajya ikora gahunda ikajya muri gahunda y'Ubuyobozi bw'Urubyiruko ;
- Ku bijyanye na « Petit Stade » idasakaye, Nyakubahwa Minisitiri yasobanuye ko atari cyo kibazo cyihutirwa ko hari ibindi bibabaje kurushaho bitarakorwa ;
- Naho ibyerekeranye n'inzu y'abapadiri yaguyemo abantu muri RUKARA, uwahoze ari Minisitiri yaba ngo yarabemereye ko Minisiteri izayisana ikaba urwibutso, Umunyamabanga Mukuru yavuze ko bakwiriye kwerekana nabo uruhare rwabo, Minisiteri ikazabatera inkunga.

| | |
|---|---|
| **Umuyobozi w'Inama** | **Umwanditsi w'Inama** |
| **Minisitiri w'Urubyiruko<br>Siporo n'Umuco.** | **Umuyobozi w'Ishami rya<br>Secrétariat Central** |
| **FARANSISKO NGARAMBE** | **TWAGIRAYEZU Innocent** |

| **ABAJE MU NAMA** | **SERIVISI** |
|---|---|
| 1. RUDAHUNGA Gédéon | Dir. Projet Kavumu |
| 2. RWIGEMA Paterne | Dir. Sports |
| 3. NYANSHAYIJA David | Dir. Jeunesse |
| 4. RUGAMBA Egide | D.S.G |
| 5. NTIDENDEREZA William | D.F.P |
| 6. MUHOZA Christophe | Div. Mémorial du génocide |
| 7. BUTOTO Jean | Div. Patrimoine Culturel |
| 8. MUNYAZIKWIYE Théogène | PAE |
| 9. RUTAGWENDEKA Fidèle | PAE |
| 10. NDAYISABA Juvénal | Y.P.D |
| 11. Col. MUSITU Charles | Attaché au Cabinet |
| 12.NSENGAH D.H | Div. Production |
| 13. BITWENGE Isaac | Div. Etude & Planif. |
| 14. TWAGIRAYEZU Innocent | Div. Secrétariat Central |
| 15. HATEGEKIMANA Emmanuel | Div. Gest. du Pers. |
| 16. RWAGATARE Alphonse | Div. Logistique |
| 17. BAYINGANA Bonfils | Communication |
| 18. KANIMBA Misago | Dir. M.N.R |
| 19. NDAGIJIMANA Epimaque | S.R.A |
| 20. RUTAYISIRE Alexis | D. Jeunesse |

| | |
|---|---|
| 21. RUTAGENGWA Philbert | S/ Communication |
| 22. KAYIJUKA Gaspard | Coord. Projet Appui F.P |
| 23. M.NDOLI Diane | DAAF |
| 24. MUKAZIBERA Agnès | Coord. C. S. des Jeunes |
| 25. NGABOYISONGA Vincent | Div. Programme |
| 26. RUSIMBI John | Div. Coop. Jeunes |
| 27. GASANA Vincent | Div.Admin.&Gest.CFJ |
| 28. RUTAZIBWA Bernardin | Div.Folklore |
| 29. RURANGIRWA Aoron | Div.Sport Scol. |
| 30. MUSEMAKWERI Jean | Santé des Jeunes |
| 31. MUBUMBYI André | Div.Folklore |
| 32. ABIYINGOMA Ignace | Div.Infr.&Equip. |

**ABATARAJE MU NAMA BAFITE IMPAMVU ZIZWI**

1.MUKIMBIRI Jean
2.SALAAM J.M.V
3.MUDAKIKWA J.M
4. KIZARI Elias
5. NDASHYIKIRWA Eugène
6. SEKUBUMBA Séverin
7. KANAMUGIRE Louis

**ABATARAJE MU NAMA NTA MPAMVU ZIZWI**

1. NKUSI Léon Pierre
2. RANGIRA Joseph
3.RWAGATARE Alphonse